

Gushaka ibyatera ibyago biturutse kuri Lead

Urupapuro rurimo inama kuri Lead #6



Inzu zubatswe mbere y'1950 biba bishoboka cyane ko zirimo irangi rifite lead Inzu zubatswe hagati ya 1950 na 1978 zishobora kuba zirimo irangi rifite lead Gushaka kuvumbura lead mu rugo rwawe, cyangwa ahantu ukodesha hawe, bizagufasha kumenya ibyago bishobora kuvuka. Iyo umaze kumenya icyo gushaka byagufasha kurinda umuryango wawe cyangwa abapangayi bawe guhura na lead

Aho gushakira

Irangi ririmo Lead riboneka kenshi ku:

- amadirishya n'inzugi
- Ibikoreho bikoze mu biti n'imitako
- hasi no ku ngazi
- hanze, harimo no ku mabaraza
- inkuta zo mu bwogero n'ibikoni

Irangi ririmo lead **ntiriboneka** kenshi ku bikuta biri mu byumba ahubwo riboneka mu bikoni no mu bwogero. **Ntiriboneka** kenshi ku bisenge keretse iyo bikoze mu itini cyangwa ibiti. Zimwe muri parafo z'amabaraza zishobora kuba zikoze mu biti. Amarange y'amavuta abonerana akenshi **nta** lead **nyinshi agira**.

Kubera ko mu rugo rusizemo irangi ririmo lead ntibivuze ko ari ibyago. Muri rusange, irangi ririmo lead ryafashwe neza ntabwo rifatwa nk'icyago giterwa na lead. Irangi ryashishutse, ryashwaratutse, ryomotse cyangwa rifunitswe n'umwanda w'umukungugu rishobora kuba icyago giterwa na lead kandi kigomba gushakirwa igisubizo.

Inshuro zo kugenzura

Imiterere y'irangi risize igenda ihindukana n'igihe. Gushaka ibyatera ibyago biturutse kuri lead buri mezi 6, no hagati ukarebera abapangayi niba ufite inzu zikodeshwa.

Icyo ugomba kureba

Genda mu nzu no hanze. Baza ibi bibazo:

1. Ese hari ahantu irangi ryomotse, ryasataguritse, ryarashwaratutse cyangwa rivunguka? Nuzengurutsa ikiganza cyawe ku mwanya, rizasigaza umwana w'umukungugu na/cyangwa ibimanyu by'irangi ku kiganza cyawe?
2. Ese haba hari irangi ahantu imyanya ibiri yikubanaho cyangwa ikubitana? Amadirishya, inzugi, hasi no ku ngazi ni ingero.
3. Ese hari irangi risize ahantu abana bashobora gushyira akanwa kabo? Urugero twavugaga nka:
 - igice cyo hasi gifashe idirishya, imbaho zirinda abantu kwanduza inzu, imbaho zituma barinda ibice by'inzu bitaringaniye n'ahandi hantu umukungugu ushobora gufata
 - ahantu hafata igice cya inci cyangwa irenga umwana ashobora kugera kuri (fiti 4 cyangwa munsu)
4. Ese hari ahantu hari ubutaka butariho ikintu ku nyubako? Umukungugu n'ibisate bishobora kugwa bivuye ku irangi risize hanze y'inzu no mu butaka buhegereye. Bushobora kuguma mu butaka imyaka myinshi.

Niba igisubizo ari "yego" ku kibazo icyo ari cyo cyose muri ibi bibazo bishobora kuba ari icyago cyaterwa na lead. Wabona uburyo bwo gukemura ibyago bishobora kuvuka kuri www.maine.gov/healthyhomes.

Rinda umuryango wawe.

- Reba uru rubuga: maine.gov/healthyhomes
- Hamagara usabe inama: **866-292-3474** • TTY: **Hamagara Nomero** **ihamagarwa n'abafite ubumuga muri Maine 711**

